

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/07.01 RYO KU WA 27/07/2020 RIGENA UMUKOZI WO MU KIGO CY'UBUVUZI UFITE UBUBASHA BW'UMWANDITSI W'IRANGAMIMERERE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/07.01 OF 27/07/2020 DETERMINING THE OFFICER OF THE HEALTH FACILITY WITH POWERS OF CIVIL REGISTRAR</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/07.01 DU 27/07/2020 DÉTERMINANT L'AGENT DE L'ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ AYANT LA COMPÉTENCE D'OFFICIER DE L'ÉTAT CIVIL</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Umukozi wo mu kigo cy'ubuvuzi ufite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere</p>	<p><u>Article 2:</u> Officer of the health facility with powers of civil registrar</p>	<p><u>Article 2:</u> Agent de l'établissement de santé ayant la compétence d'officier de l'état civil</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere wo mu kigo cy'ubuvuzi</p>	<p><u>Article 3:</u> Responsibilities of the civil registrar at a health facility</p>	<p><u>Article 3:</u> Attributions de l'officier de l'état civil de l'établissement de santé</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibisabwa umwanditsi w'irangamimerere w'ikigo cy'ubuvuzi cyigenga</p>	<p><u>Article 4:</u> Requirements for a civil registrar of a private health facility</p>	<p><u>Article 4:</u> Conditions pour l'officier de l'état civil d'un établissement de santé privé</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere</p>	<p><u>Article 5:</u> Performance of responsibilities of civil registrar</p>	<p><u>Article 5:</u> Exécution des attributions d'officier de l'état civil</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Inyandiko ihabwa uwandikishije umwana wavukiye mu kigo cy'ubuvuzi</p>	<p><u>Article 6:</u> Record issued to a person declaring a birth occurred in a health facility</p>	<p><u>Article 6:</u> Acte délivré à une personne qui déclare une naissance survenue dans un établissement de santé</p>

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Imenyeshya ry'umuntu wafiriye mu kigo cy'ubuvuzi ufite irangamimerere ritazwi</p>	<p><u>Article 7:</u> Declaration of a death occurred in a health facility of unknown person</p>	<p><u>Article 7:</u> Déclaration d'un décès survenu dans un établissement de santé d'une personne inconnue</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Gukurikirana imirimo y'umwanditsi w'irangamimerere wo mu kigo cy'ubuvuzi</p>	<p><u>Article 8:</u> Supervision of the activities of a civil registrar at a health facility</p>	<p><u>Article 8:</u> Supervision des activités d'un officier de l'état civil d'un établissement de santé</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 9:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 9:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 10:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 10:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/07.01 RYO KU WA 27/07/2020 RIGENA UMUKOZI WO MU KIGO CY'UBUVUZI UFITE UBUBASHA BW'UMWANDITSI W'IRANGAMIMERERE</p> <p>Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 65;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 16/06/2020, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena umukozi wo mu kigo cy'ubuvuzi ufite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere, inshingano ze n'uburyo zishyirwa mu bikorwa.</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/07.01 OF 27/07/2020 DETERMINING THE OFFICER OF THE HEALTH FACILITY WITH POWERS OF CIVIL REGISTRAR</p> <p>The Minister of Local Government,</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family as amended to date, especially in Article 65;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 16/06/2020;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p>This Order determines the officer of the health facility with powers of civil registrar, his or her responsibilities and modalities for their performance.</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/07.01 DU 27/07/2020 DÉTERMINANT L'AGENT DE L'ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ AYANT LA COMPÉTENCE D'OFFICIER DE L'ÉTAT CIVIL</p> <p>Le Ministre de l'Administration Locale,</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 65;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 16/06/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p>Le présent arrêté détermine l'agent de l'établissement de santé ayant la compétence d'officier de l'état civil, ses attributions et les modalités de leur exercice.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 2: Umukozi wo mu kigo cy'ubuvuzi ufite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere</u></p> <p>Mu kigo cy'ubuvuzi, umukozi ufite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere agenwe ku buryo bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Umuyobozi w'Ishami ry'abaforomo n'ababyaza mu bitaro by'icyitegererezo; 2° Umuyobozi w'Ishami ry'abaforomo n'ababyaza mu bitaro by'Intara; 3° Umuyobozi w'Ishami ry'abaforomo n'ababyaza mu bitaro by'Akarere; 4° Umuyobozi w'Ikigo nderabuzima; 5° Umuyobozi w'Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga cyangwa umukozi yabihereye ububasha. <p>Umwanditsi w'irangamimerere wo mu kigo cy'ubuvuzi agomba kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kiri hejuru y'amezi atandatu (6).</p>	<p><u>Article 2: Officer of the health facility with powers of civil registrar</u></p> <p>Within a health facility, the officer vested with the powers of civil registrar is determined as follows:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° the Director of the Unit of nurses and midwives, in a referral hospital; 2° the Director of the Unit of nurses and midwives, in a provincial hospital; 3° the Director of the Unit of nurses and midwives, in a District hospital; 4° the Head of a health centre; 5° the Head of a private health facility or the officer with delegation. <p>The civil registrar at a health facility must not have been sentenced to a term of imprisonment of six (6) months or more.</p>	<p><u>Article 2: Agent de l'établissement de santé ayant la compétence d'officier de l'état civil</u></p> <p>Au sein d'un établissement de santé, l'agent ayant la compétence d'officier de l'état civil est déterminé comme suit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° le Directeur de l'Unité des infirmiers et des sages-femmes, dans un hôpital de référence; 2° le Directeur de l'Unité des infirmiers et des sages-femmes dans un hôpital de province; 3° le Directeur de l'Unité des infirmiers et des sages-femmes dans un hôpital de District; 4° le Directeur d'un centre de santé; 5° le Directeur d'un établissement de santé privé ou un agent délégué. <p>L'officier de l'état civil d'un établissement de santé ne doit pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 3: Inshingano z’umwanditsi w’irangamimerere wo mu kigo cy’ubuvuzi</u></p> <p>Umwanditsi w’irangamimerere wo mu kigo cy’ubuvuzi afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kwakira imenyasha ry’abavukiye mu kigo cy’ubuvuzi; 2° gukora inyandiko z’irangamimerere zerekeranye n’ivuka, kuzikosora no gutanga kopi zazo; 3° kwakira imenyasha ry’abapfiriye mu kigo cy’ubuvuzi; 4° gukora inyandiko z’irangamimerere zerekeranye n’urupfu, kuzikosora no gutanga kopi zazo; 5° gutunganya no kubika ibitabo by’irangamimerere. 	<p><u>Article 3: Responsibilities of the civil registrar at a health facility</u></p> <p>The civil registrar at a health facility has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to receive declarations of births occurred in the health facility; 2° to draw up civil status records in relation to births, correcting them and issuing their copies; 3° to receive declarations of deaths occurred in the health facility; 4° to draw up civil status records in relation to death, correcting them and issuing their copies thereof; 5° keeping and preserving civil status registers. 	<p><u>Article 3: Attributions de l’officier de l’état civil de l’établissement de santé</u></p> <p>L’officier de l’état civil d’un établissement de santé a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° recevoir les déclarations des naissances survenues dans l’établissement de santé; 2° dresser les actes de l’état civil relatifs aux naissances, les corriger et délivrer leurs copies; 3° recevoir les déclarations des décès survenus dans l’établissement de santé; 4° dresser les actes de l’état civil relatifs aux décès, les corriger et délivrer leurs copies; 5° tenir et conserver les registres de l’état civil.
<p><u>Ingingo ya 4: Ibisabwa umwanditsi w’irangamimerere w’ikigo cy’ubuvuzi cyigenga</u></p> <p>Iyo umuyobozi w’kigo cy’ubuvuzi cyigenga adafite ubwengehugu bw’u Rwanda, akena umukozi ufite ubwengehugu bw’u Rwanda ushinzwe irangamimerere akemezwa n’ubuyobozi bw’Akarere icyo kigo</p>	<p><u>Article 4: Requirements for a civil registrar of a private health facility</u></p> <p>When a head of a private health facility does not have the Rwandan nationality, he or she nominates an officer of Rwandan nationality to be vested with the powers of the civil registrar</p>	<p><u>Article 4: Conditions pour l’officier de l’état civil d’un établissement de santé privé</u></p> <p>Lorsqu’un Directeur d’un établissement de santé n’a pas la nationalité rwandaise, il détermine un agent ayant la nationalité rwandaise devant avoir la compétence d’officier de l’état civil après approbation des</p>

<p>gihereyemo.</p> <p>Umwanditsi w'irangamimerere wo mu kigo cy'ubuvuzi cyigenga agomba kubanza kurahirira izo nshingano imbere y'ukuriye umwanditsi w'irangamimerere mu ifasi icyo kigo gihereyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere</u></p> <p>Umuwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi ashyira mu bikorwa inshingano ze hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Inyandiko ihabwa uwandikishije umwana wavukiye mu kigo cy'ubuvuzi</u></p> <p>Uwandikishije umwana wavukiye mu kigo cy'ubuvuzi ahabwa kopi y'inyandiko y'ivuka ry'umwana igaragaza inomero yihariye iranga umwana. Iyo nomero ni yo iranga umwana mu buzima bwe bwose.</p>	<p>upon approval by the District authorities where that facility is located.</p> <p>The civil registrar at a private health facility must firstly take oath for those responsibilities before the superior of the civil registrar of the jurisdiction where that facility is located.</p> <p><u>Article 5: Performance of responsibilities of civil registrar</u></p> <p>The civil registrar at a health facility discharge his or her responsibilities in accordance with relevant laws.</p> <p><u>Article 6: Record issued to a person declaring a birth occurred in a health facility</u></p> <p>A person who declares a birth occurred in a health facility receives a copy of the child birth record which indicates a specific identification number to the registered born child. That number identifies him or her during the whole life.</p>	<p>autorités du District dans lequel l'établissement se situe.</p> <p>L'officier de l'état civil d'un établissement de santé privé doit d'abord prêter serment pour ces attributions devant le supérieur de l'officier de l'état civil du ressort dans lequel se trouve cet établissement de santé.</p> <p><u>Article 5: Exécution des attributions d'officier de l'état civil</u></p> <p>L'officier de l'état civil d'un établissement de santé exerce ses attributions conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 6: Acte délivré à une personne qui déclare une naissance survenue dans un établissement de santé</u></p> <p>Une personne qui déclare une naissance survenue dans un établissement de santé reçoit une copie de l'acte de naissance de l'enfant qui indique le numéro particulier d'identification d'un enfant nouveau-né enregistré. Ce numéro l'identifie durant toute sa vie.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Imenyeshya ry’umuntu wafiriye mu kigo cy’ubuvuzi ufite irangamimerere ritazwi</p> <p>Iyo irangamimerere ry’umuntu wafiriye mu kigo cy’ubuvuzi ritazwi, umukozi w’ikigo cy’ubuvuzi ufite imibereho myiza mu nshingano ni we umenyeshya urwo rupfu.</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Gukurikirana imirimo y’umwanditsi w’irangamimerere wo mu kigo cy’ubuvuzi</p> <p>Mu mirimo ye irebana n’irangamimerere, Umwanditsi w’irangamimerere wo mu kigo cy’ubuvuzi akurikiranwa n’Umwanditsi w’Irangamimerere ukorera ku rwego rw’Umurenge icyo kigo cy’ubuvuzi giherereyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka</p> <p>Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Republika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 7:</u> Declaration of a death occurred in a health facility of unknown person</p> <p>When the civil status of a person deceased in the health facility is not known, the agent of health facility in charge of social affairs declares the death.</p> <p><u>Article 8:</u> Supervision of the activities of a civil registrar at a health facility</p> <p>In his or her responsibilities related to civil registration, the civil registrar at a health facility is supervised by the civil registrar at the level of the Sector where the health facility is located.</p> <p><u>Article 9:</u> Repealing provision</p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 10:</u> Commencement</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 7:</u> Déclaration d’un décès survenu dans un établissement de santé d’une personne inconnue</p> <p>Lorsque l’état civil de la personne décédée est inconnu, l’agent de l’établissement de santé ayant les affaires sociales dans ses attributions déclare le décès.</p> <p><u>Article 8:</u> Supervision des activités d’un officier de l’état civil d’un établissement de santé</p> <p>Dans ses fonctions relatives à l’état civil, l’officier de l’état civil d’un établissement de santé est supervisé par l’officier de l’état civil du Secteur dans lequel se trouve cet établissement de santé.</p> <p><u>Article 9:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 10:</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

Kigali, 27/07/2020

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Minister of Local Government
Ministre de l'Administration Locale

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux